ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 14 Mutarama 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. NYIRAHIRWA Veneranda.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

(1) Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 17/09/2015,
(2) Kugezwaho Raporo y'indorerezi ku itora rya Referendumu ryo kuwa 18/12/2015 n'imyiteguro ku matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye;
(3) Kungurana Ibitekerezo ku mirongo migari izashingirwaho mu gutegura gahunda y'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu iri imbere (*NFPO Strategic Planning: July 2016 – June 2021)*.

Ku ngingo yo kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 17/09/2015, Inama Rusange yayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo bw'imyandikire.

Inama Rusange yagejejweho Raporo y'indorerezi ku Itora rya Referendumu ryo kuwa 18/12/2015, irayemeza; ishima ko iri Tora rya Referendumu ryakozwe neza mu Gihugu hose, haba mu bikorwa byo kuritegura, ndetse no mu gihe cy'itora nyirizina. Inama Rusange yishimiye intambwe Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imaze kugeraho mu gutegura no kuyobora amatora mu Rwanda. Ikindi yashimye, ni uko iri Tora rya Referendumu ryitabiriwe n'abaturage benshi batora mu mucyo, mu mutekano no mu bwisanzure ndetse bakaba baranishimiye n'ibyarivuyemo.
Ku bijyanye n'imyiteguro ku matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye; Inama Rusange yemeje ko Ihuriro rikomeza ibikorwa by'imyiteguro bijyanye no gutegura indorerezi zizakurikirana aya matora.

Inama Rusange yemeje imirongo migari ya Gahunda y'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro by'imyaka itanu iri imbere (*NFPO Strategic Planning: July 2016 – June 2021*) isaba ko inyandiko y'iri genamigambi ikomeza kunozwa kandi n'Imitwe ya politiki ikabigiramo uruhare.

Bikorewe i Kigali, kuwa 14 Mutarama 2016.

BURASANZWE Oswald
Umunyamabanga Nshingwabikorwa